# ITANGAZO Nº 09/23

Ubuyobozi bw'Urwego rw'Ubwiteganyirize mu Rwanda (**RSSB**) burashimira abanyamuryango ba Mituweli bose bamaze gutanga umusanzu w'umwaka wa 2023-2024; Buboneyeho kandi umwanya wo gushishikariza ingo zose zitarishyura umusanzu usabwa ko zakwihutira kwishyura kuko iyo urugo rumaze kwishyura umusanzu usabwa ruhita rugira uburenganzira ku bikorwa by'ubuvuzi.

RSSB iributsa by'umwihariko abishyuye nibura 75% by'umusanzu usabwa, ko bakwihutira kwishyura asigaye kuko abazaba batararangiza kwishyura umusanzu wose batazemererwa kwivuriza kuri mituweli guhera tariki ya 1 Mutarama 2024.

RSSB yongeye kandi kumenyesha abanyamuryango bose ko kwishyura Mituweli hifashishwa uburyo bw'ikoranabuhanga binyuze mu buryo bukurikira:

- **Telefoni igendanwa: kanda *909# ubundi ukurikize amabwiriza, urahabwa nimero (code)yo kwishyuriraho, wishyure ukoresheje MTN cyangwa Airtel mobile money**
- **Abahagarariye IREMBO ("Agents") bahereye mu gihugu hose**
- **Imirenge SACCO.**
- **Abahagarariye MOBICASH ("Agents") bahereye mu gihugu hose**

**RSSB iboneyeho kandi kwibutsa abanyamuryango ba mituweli ibi bikurikira :**

- Kwishyura Mituweli bizakomeza nkuko byari bisanzwe hakoreshwa uburyo bashyiriweho bwavuze haruguru, kandi ko abanyamuryango bazakomeza kwishyura umusanzu bari basanzwe bishyura;
- Gukosoza amakuru, byaba kongeza cyangwa gukuza umuntu ku rugo rusanzwe rwanditse, kwimura urugo n'ibindi byose bijyanye na byo bizakomeza gukorerwa ku Kagali;
- Ingo nshyashya, zaba izitari zanditse cyangwa se ingo zishinzwe bushyashya zizakomeza kwandikirwa ku rwego rw'akagali, hakurikijwe amabwiriza yari asanzwe;

**Ku bindi bisobanuro wahamagara kuri nomero itishyurwa: 4044**

Bikorewe i Kigali kuwa 24/11/2023

**Regis HITIMANA, PhD**
**Umuyobozi Ushinzwe ibigenerwa Abishingizi**